Uburyo bwo gukumira ingorane rusange zerekeranye no konsa.

- Fata umwana neza kandi umushyire ku ibere uko bikwiye kugirango amabere atabyimba cyangwa ngo imoko irware udusebe. Konsa ntibyakagombye kubabaza.
- Niba imoko zifite udusebe, zishyireho udushereka ducye. Ntugasigeho imiti cyeretse iyo wandikiwe na muganga.
- Onsa kenshi kugirango amabere yawe atabyimba.
- Igihe umwana atonse cyangwa wumva amabere arimo amashereka menshi, ushobora kwikama kugirango utagira ikibazo cy'amabere.
- Ushobora kubika amashereka wikamye ahantu hafutse, ariko amasaha 6 kugeza ku 8.
- Niba ibere rimwe cyangwa yombi akubabaza cyangwa agahinda umuriro, gana muganga akwiteho.
- Genzura niba umwana afite udusebe mu kanwa. Niba afite udusebe, gana muganga agufashe.
- Si byiza kuvanga konsa n'ibindi biribwa ku mwana utarageza ku mezi atandatu kuko bigabanya amashereka umubiri wawe ukora, kandi bishobora no gutera umwana uburwayi.
- Niba ufite ingorane mu konsa gusa, gana umujyanama wabihuguriwe akugire inama.

Ibindi nkwiriye kumenya

- Konsa ni byiza ku buzima bwawe n'ubw'umwana wawe. Ni byiza kandi ku muryango wawe n'ejo hazaza h'u Rwanda.
- Konsa gusa kandi kenshi mu gihe cy'amezi atandatu ya mbere byakurinda gusama inda mu gihe cyose utarasubira mu mihango. Gisha inama muganga ukimara kubyara.
- Umwana niyuzuza amezi atandatu, tangira kumugaburira ubundi bwoko bw'ibiryo kandi ukomeze kumwonsa.
- Genzura niba umwana ahitwa, afite umuriro, ibibazo byo guhumeka, cyangwa yanga kurya kuko ibi bigomba guhita bikurikiranwa ako kanya.
- Kugirango urinde umwana wawe kwandura, menya uko uhagaze ku birebana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA.
- Niba ubana na virusi itera SIDA, ntugomba konsa igihe urwaye udusebe ku moko, ahubwo muhe ibere rizima kandi ukame amashereka y'ibere rirwaye uyamene.

- Kwandura cyangwa kwiyongerera ubwandu bwa virusi itera SIDA mu gihe wonsa byongera ibyago byo kwanduza umwana. Kora imibonano mpuzabitsina ikingiye ukoresha agakingirizo buri gihe kandi mu buryo bukwiye.

Iyi depuliya yateguwe hashingiwe ku yakozwe mbere na UNICEF na URC/CHS.
Yarahinduwe ngo ihuzwe n'ibikenewe mu Rwanda. Ukwakira 2011.

USAID FROM THE AMERICAN PEOPLE INKUNGA Y'ABANYAMERIKA | RWANDA
ELIZABETH GLASER PEDIATRIC AIDS FOUNDATION
PATH

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUZIMA

Uko wakonsa umwana mu mezi 6 ya mbere

Konsa

Ni iki nkeneye kumenya?

- Ni ingenzi guhita ushyira uruhinja ku ibere rukimara kuvuka kugirango uhembere vuba.
- Onsa umwana wawe amashereka y'umuhondo aboneka mu minsi itanu nyuma yo kubyara kuko amurinda indwara nyinshi. Uruhinja rwawe ntirukeneye guhabwa ikindi kintu icyo aricyo cyose.
- Amashereka arimo intungamubiri zose n'amazi umwana wawe akeneye mu mezi 6 avutse.
- Konsa umwana gusa bivuga kumuha amashereka yonyine, nta kindi kintu umuvangiye kabone n'amazi, cyeretse gusa imiti yategetswe na muganga.
- Si byiza kuvangira umwana amashereka n'andi mata, ibiryo cyangwa ibinyobwa mbere y'uko yuzuza amezi 6. Bituma amashereka yawe agabanuka kandi bishobora no gutera umwana kurwara.
- Igihe ugiye kure y'umwana, ushobora kwikama amashereka ukayamusigira.

Gufasha umwana gufata ibere neza

- Shyira umwana ku ibere bitarenze isaha ya mbere akimara kuvuka.
- Gushyira umwana ku ibere uko bikwiriye bituma yonka neza.
- Gushyira umwana ku ibere uko bikwiye bituma amashereka aza ari menshi.
- Gushyira umwana ku ibere uko bikwiriye bituma umubyeyi atarwara udusebe ku moko.
- Kugirango wizere ko umwana ari ku ibere uko bikwiriye:
  - Koza imoko ku munwa w'umwana;
  - Tegereza ko umwana abumbura umunwa bihagije;
  - Wihuse mutamike ibere werekeza imoko mu gisenge cy'akanwa;
  - Umwana agomba gutamira ibere kugeza ku kiziga.
- Ibimenyetso bine bigaragaza ko umwana afashe ibere uko bikwiriye ni ibi bikurikira:
  1. umwana aba afunguye umunwa bihagije;
  2. Ikiziga cy'ibere kiba kigaragara hejuru y'umunwa kurusha mu nsi yawo;
  3. Umunwa wo hasi uba ugaruka hanze;
  4. Akananwa k'umwana kaba gakora ku ibere.
- Wumva umwana akurura amashereka bihagije yitonze, anyuzamo akaruhuka.

Ni inshuro zingahe ngomba konsa umwana ku munsi?

- Onsa umwana wawe igihe cyose abishakiye, ku manywa na ninjoro nibura inshuro 8 kugeza kuri 12 ku munsi.
- Konsa kenshi bituma umubiri wawe ukora amashereka ahagije.
- Komeza wonse umwana kugeza igihe ubwe ahumuje ibere. Muhereze irindi bere kugeza igihe we ubwe arirekeye.
- Uzamenya ko umwana wawe abona amashereka ahagije igihe anyara nibura inshuro 6 ku munsi kandi yunguka ibiro
- Fata umwanya uhagije wo konsa, ushobora kwicara cyangwa kuryama, mwereke ko umwitayeho. Mube hafi ku manywa na ninjoro.